
# NZIZA NA VUMERA

## Amashuri y'inshuke




CACTUS Publishers

Inkuru yanditswe na UWERA Jane

Yashushanyijwe na SEMINEGA Felix

# NZIZA NA VUMERA

## Amashuri y'inshuke



CACTUS
Publishers

Inkuru yanditswe na UWERA Jane


Yashushanyijwe na SEMINEGA Felix

© 2020 CACTUS PUBLISHERS P.O Box 1810 KIGALI


Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: Kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.

**ISBN**: 978-99977-54-90-5

www.cactuspublishers.rw



Iwabo wa Mutoni na Mulisa bari bafite inka yitwa Vumera, ibyara inyana bayita Nziza.





Mutoni na Mulisa bakundaga gukina na Nziza, hanyuma ikabira ngo: “Mooo!” Yakwabira bagasubiramo bati: “Mooo!”



Umunsi umwe, se wa Mutoni na Mulisa ahumuje azana amata aho bicaye. Mutoni na Mulisa basaba uruhushya ngo bajyane Nziza mu rwuri.




Se abaha udukoni  tubiri, bajyana Nziza mu rwuri.



Hashize akanya, inyana  irabira  cyane.
Vumera ihita iza kureba ikibaye ku nyana yayo.




Mutoni  na  Mulisa  babona itameze neza,
bariruka bajya kubwira se.



Se wa  Mutoni na  Mulisa  ahita ahamagara umuganga w'amatungo. Ahageze, asanga Nziza ifite uburondwe bwinshi, ayitera umuti.



Hashize iminsi, Nziza ikira uburondwe Mutoni na Mulisa  barishima  cyane.



Iyi ni inkuru ivuga ku nka yitwa “Vumera” n’inyana yayo “Nziza Vumera.’’

CACTUS
Publishers